

UMUTWE W'ABASHYIRAHAMWE B'URWANDA.-

Ku Bashyirahamwe b'Urwanda bose.

Bavandimwe,

Nkuko amategeko y'inshinga agenga Umutwe w'Abajyirahamwe abivuga TUGOMBA kugera . . . . ku ntego yacu y'UBWIGENGE mu mahoro no mu bumwe. **Mul'iki** gihe cy'akaga Abanyarwanda bamwe bisubiraniyemo biterwa n' amoshya y'ubugira nabi, bakaba bamennye amaraso y'abavandimwe; dusabye uwitwa "Umushyirahamwe" wese kwiyumanganya ntahore umuvandimwe.

Murusheho kwifatanya mul'ibi bitotezo, twunge ubumwe dukomeze kunyura mu nzira y'ukuri ngo turwanya akarengane, no gusubiranamo.

Byaragaragaye rwose ko ibyagiye byandikwa mu binyamateka bibeshyera Umutwe w'Abashyirahamwe, biwuteranya mu mpande zose bitewe n'ubwanzi, byaragarageye kw'aribinyoma rwose; Inama iyobora Umutwe ~~w'~~ w'Abashyirahamwe varabihakanye byeruye, ibiranga hose ibibeshyuza.

Ahokuzi, iyi ntambara y'ibago mu Rwanda yaturutse murahazi; abayiteye azabibazwa n'abakuru babigenewen ndetse n'Inama ikunda Urwanda izarukiza aya makuba; abanzi bashaka kurutandukanya ngo rucike intege bazananziza n'Ubushyirahamwe bwarwo.

Cyakora Inama iyobora "Umutwe w'Abashyirahamwe" yabimenesheje abakuru ba Leta Mbirigi iturera, yanatabaje n'Inama y'Abibumbye ngo babihagararemo.

"Bashyirahamwe mwese nimukomeze urunana rwanyu mureke kwisubiranamo ngo mwicane mwese mur'abavandimwe mur'abana b'Urwanda, kuko naba bari mugice mudahuje n'abo k nabana b'Urwanda nkamwe, reka reka nimureke kwisubiranamo nka bariya babyohejwe ahubgo nimukoreje intege zanyu zose kugira ngo amahoro n'umubano bigaruke vuba mu Rwanda rwa KIGELI, Umwami - N'arambe ku NGOMA.

URWANDA RURAKANAMA.

Nyanza, le 6 Novembre 1959.-

Inama y'Ubuyobozi  
bw'Abashyirahamwe.,  
PRESIDENT: RUKEBA.Fr.,

